

7/29/18

**Ubutumwa bwa Padiri Jim ,**



Umunsi w'ikiruhuko , Ivanjiri ryo kucyumweru gishije riratwibutsa ukuntu Yezu n'abigishwa be bagiye mubutayu bashaka kuruhuka kandi bakanasenga .

Bagiye m'ubutayu rero bakeneye ikiruhuko kugirango babashe gukomeza gukorera rubanda . Natwe rero rimwe narimwe hato nahato dukeneye ibiruhuko m'ubuzima kugirango tubashe gukomeza ibyo turimo gukora .

Icyumweru kuri twese uracyari umunsi w'ikiruhuko kuri twese . Umunsi w'icyumweru ni umunsi w'ikiruhuko kuri buri twese kuri bagezi bacu .Uwo munsi

ni umunsi w'Imana yaruhutseho imaze kurema umuntu ! Umunsi w'icyumweru tugomba kuwubaha muri byose kuko ni umunsi Imana yubaha muri byose .

Mureke twubahirize umunsi w'icyumweru tuwubahe maze tuwizihize nk'iyindi minsi y'Imana . Umunsi w'icyumweru niwo twagombye kujya gusuraho abavandimwe bacu.

Kuva kera imigenzo ya gi Kristu igomba kubahirizwa yose uko yakabaye . Imna yatwoherereje umwana wayo Yezu Kristu kugirango adupfire ku musaraba .

Ibyo Imnana yabikoze kugirango dukire tweekwicwa n'icyaha ! Nyagasani mana yacu turagutakambira nyiri juru udufashe kuko rimwe narimwe usanga abantu bamwe batazi ibyo barimo . Ariko nyagasani umuntu akoze ibyo agomba gukora isi yahinduka ikaba nziza kurushaho !!! Imana yohereje umwana wayo w'ikinege ibyo byose byari urukundo ruhebuje yadukunze Kugirango tudashira . Nyagasani Amen.

Imurikwa ry'Isakaramentu ni kuwakane mu kwezi kwa munani italiki ya 2 izaba nyuma ya misa kandi bizarangira satatu y'Ijoro hano ku kiliziya ya Mutagatifu Leo .

Porogaramu y'abasore , ni kuva kumyaka 5 kugeza kumyaka 18 naho mu kwezi kwa 7 ni italiki ya 30 mukwezi kwa 8 ni 3,6,10 kuva sayine kugeza samunani (2pm).

Ibyo kurya no kunywa byose ni Ubuntu kandi abazaba bahari bazareba film y'ubuntu . Mwese muratumiwe yemwe n'abantu bakuru muratumiwe rwose .

Dukeneye n'abantu bakuru bo kudufasha icyo gikorwa.

Umunsi mukuru w'amizero , ni kuwagatandatu z'ukwezi kwa munani italiki ya 18 sasita kugeza sakumi kuri Wayne Playfilied kuri Beekman .

Ibyo kurya n'ibuntu ,imyenda , Ibpapuro by'isuku nabyo n'ubuntu k'ubantu bose bazaba bahari muri ibyo birori byo Kwidagadura

Dukeneye abakorera bushake bo gukora uturimo tutavunanye hano muri za Biro za Paruwasi . Ababikeneye bahamagara kuri .( 513) 921-1044 ext 20

Ababikira bo kuri Mercy barakeneye umukozi wo muri kuva wo gukora imirimo isanzwe yo mu kibikira nko Gukoropa , kumesa n'ibindi ....

Ababikeneye bahamagara kuri ( 513) 681-2100.